

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA



ESE DUSHOBORA
KWISHIMIRA UBUZIMA?

INTEGO Y'IYI GAZETI y'Umunara w'Umurinzi, ni icyo gusingizira Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yatangiyeye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiyeye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu?

Jya kuri www.jw.org/rw cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi ikurikira:

Mu RWANDA:
O.R.T.J.
B.P 529 KIGALI

Niba wifuza urutonde rwuzuye rwa za aderesi, jya kuri www.jw.org/contact.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika buri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya*.

The Watchtower (ISSN 0043-1087) is published semimonthly by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 25 Columbia Heights, Brooklyn, NY 11201-2483, and by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Uburenganzira bwose bwihariwe n'umwanditsi. Printed in South Africa.

INGINGO YO KU GIFUBIKO

Ese dushobora kwishimira ubuzima?

IPAJI YA 3

YESU ASHOBORA KUDUFASHA KWISHIMIRA UBUZIMA 4

YESU YATWERETSE ICYO TWAKORA NGO TWISHIMIRE UBUZIMA 6

IBINDI

Bibiliya ihindura imibereho y'abantu 8

Ese wari ubizi? 10

Egera Imana


—“Mukomeze gusaba muzahabwa” 11

Twigane ukwizera kwabo—“Yagendanaga n'Imana y'ukuri” 12

Ibibazo bishingiye kuri Bibiliya 16



SOMA IBINDI KURI | www.jw.org/rw



IBIBAZO ABANTU BAKUNZE KWIBAZA KU BAHAMYA BA YEHOVA—Kwiga Bibiliya bikorwa bite?

(Kanda ahanditse ngo ABO TURI BO/IBIBAZO ABANTU BAKUNZE KWIBAZA)

VANA KURI INTERINETI
AMAFAYILI ATANDUKANYE
Y'IYI GAZETI



Ese dushobora kwishimira ubuzima?

“Iminsi y’ubuzima bwacu ni imyaka mirongo irindwi; twagira imbaraga zidasanzwe ikaba imyaka mirongo inani; nyamara iba yuzuyemo ibyago n’imibabaro.”

—Zaburi 90:10.

AYO magambo ni ukuri kudashidikanywaho. Akenshi ubuzima bwo muri iyi si burangwa n’“ibyago n’imibabaro.” Wenda ujya wibaza uti “ese kugira imibereho irangwa n’ibyishimo muri iki gihe birashoboka?”

Reka dufate urugero rw’uwitwa Maria. Yari afite ubuzima buzira umuze, ariko ubu ntagishobora kuva aho ari kuko afite imyaka 84. Nubwo ubwenge bwe bugikora, akaba atekereza neza, ingingo z’umubiri we ntizigikora. None se ubwo wamu-sobanurira ute ko ashobora kwishimira ubuzima?

Wowe se byifashe bite? Ushobora kuba warigeze kwibaza niba uzigera kwishimira ubuzima. Akazi ukora gashobora kuba gahora ari kamwe, ku buryo kakunaniza kandi kakakurambira. Hari n’igihe abantu baba batabona imihati ushyiraho ugakora. Nubwo waba ugenda utera imbere, ushobora kumva uhangayitse bitewe n’ibyo utinya ko byazakubaho mu gihe kizaza. Hari n’igihe ushobora kumva ufite irungu cyangwa wihebye. Mu murango wawe hashobora kuba hahora intonganya na rwaserera. Ushobora no kuba warapfushije uwo ukunda. Umugabo witwa André yapfushije se wamukundaga cyane, azize indwara itunguranye. André avuga ko urwo rupfu rwamusigiye intimba itazigera ishira.

Uko imibabaro dufite yaba bimeze kose, hari ikibazo tugomba gusobanukirwa byanze bikunze: ese umuntu ashobora kwishimira ubuzima? Dushobora kubona igisubizo turamutse dutekereje ku buzima bwa Yesu Kristo wabaye ku isi, ubu hakaba hashize imyaka igera ku 2.000. Nubwo yahuye n’ingorane nyinshi, ntibyamubujije kugira imibereho irangwa n’ibyishimo. Nitwiganura urugero rwe, natwe tuzagira ibyishimo.



Yesu

ASHOBORA KUDUFASHA KWISHIMIRA UBUZIMA



ESE koko Yesu yari afite ubuzima bushimishije? Yarerewe mu muryango ukennye kandi nta bintu byinshi yari atunze. Mu by’ukuri ‘ntiyagiraga n’aho kurambika umusaya’ (Luka 9:57, 58). Nanone abanzi be baramwanze, baramusebya baza no kumwica.

Ushobora kwibaza uti “none se koko ubwo buzima burashimishije?” icyakora hari ibindi bintu byaranze ubuzima bwa Yesu dukwiriye gusuzuma. Reka turebe ibintu bine byaranze imibereho ye.

1. YESU YARI YARIYEMEJE GUKORA IBYO IMANA ISHAKA.

“Ibyokurya byanjye ni ugukora ibyo uwantumye ashaka.”—Yohana 4:34.

Ibyo Yesu yavugaga n’ibyo yakoraga byerekana ko yari agamije gukora ibyo Se wo mu ijuru Yehova* ashaka. Yesu yishimiraga cyane gukora ibyo Imana ishaka. Nk’uko byagaragajwe muri uwo murongo w’Ibyanditswe tumaze kuvuga, yabigereranyije n’ibyokurya. Reka turebe icyatumye abigereranya n’ibyokurya.

Ayo magambo Yesu yayavuze bigeze mu ma

* Bibiliya igaragaza ko izina ry’Imana ari Yehova.

saa sita (Yohana 4:6). Yari ashonje bitewe n’uko yari yiriwe agenda imisozi y’i Samariya. Ni yo mpamvu abigishwa be bamubwiye bati “Rabi, akira urye” (Yohana 4:31). Yesu yabashubije ko nta nzara yari afite kandi ko yari afite imbaraga kuko yari yakozwe umurimo w’Imana. Ese ibyo nti-bigaragaza ko yari yishimiye imibereho yari afite?

2. YESU YAKUNDAGA SE CYANE.

“Nkunda Data.”—Yohana 14:31.

Yesu yari afitanye imishyikirano ya bugufi cyane na Se wo mu ijuru. Urukundo rwimbitse yakundaga Imana ni rwo rwatumaga abwira abandi ibyerekeye Se, ni ukuvuga izina rye, umugambi we n’imico ye. Yagaragaje kamere ya Se haba mu magambo, mu bikorwa bye ndetse n’imitekerenze ye, ku buryo iyo dusomye ibyamubayeho tumenya uko Se ateye. Ni yo mpamvu igihe Filipino yabazaga Yesu ati “twereke Data,” Yesu yamushubije ati “uwambonye yabonye na Data.”—Yohana 14:8, 9.

Yesu yakunze Se cyane ku buryo yiyemeje kumwumvira kugeza apfuye (Abafilipi 2:7, 8; 1 Yohana 5:3). Urwo rukundo yakundaga Imana rwatumye yishimira ubuzima.



3. YESU YAKUNDAGA ABANTU.

“Nta wufite urukundo ruruta uru: ko umuntu ahara ubugingo bwe ku bw’incuti ze.”
—Yohana 15:13.

Ubundi kubera ko tudatunganye, nta cyizere cy’igihe kizaza twagombye kugira. Bibiliya igira iti ‘nk’uko icyaha cyinjijye mu isi binyuze ku muntu umwe [Adamu], n’urupfu ruginjira mu isi binyuze ku cyaha, ni na ko urupfu rwageze ku bantu bose kuko bose bakoze icyaha’ (Abaroma 5:12). Nta ho twahungira urupfu ari rwo ngaruka z’icyaha.—Abaroma 6:23.

Igishimishije ni uko Yehova yagize icyo akora kugira ngo adukize urupfu. Yemeye ko Yesu, Umwana we utunganye kandi utarigeze akora icyaha ababara kandi agapfa, kugira ngo acungure abantu, abavane mu bubata bw’icyaha n’urupfu. Yesu yemeye gutanga ubuzima bwe butunganye ku bwacu, abitewe n’uko yakundaga Se *n’abantu* (Abaroma 5:6-8). Urwo rukundo ruzira ubwikunde rwatumye agira ibyishimo.*

* Niba wifuza kumenya byinshi ku birebana n’urupfu rw’incungu rwa Yesu, reba igice cya 5 mu gitabo *Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?*, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova.

4. YARI AZI KO SE AMUKUNDA KANDI KO AMWEMERA.

“Uyu ni Umwana wanjye nkunda, nkamwemera.”—Matayo 3:17.

Ayo magambo Yehova yayavuze ari mu ijuru igihe Yesu yabatizwaga. Yashakaga kwerekana ko akunda Umwana we Yesu kandi ko amwemera. Ntibitangaje kuba Yesu yaravuze ati ‘Data arankunda’ (Yohana 10:17). Yesu yagize ubutwari bwo kwihanganira ibitotezo no kurwanywa, bitewe n’uko yari azi ko Se amukunda kandi ko amwemera. Igihe yari hafi gupfa na bwo yakomeje gushikama apfa kigabo (Yohana 10:18). Kuba Yesu yari azi ko Se amukunda kandi ko amwemera, byatumye arushaho kwishimira ubuzima.

Nta gushidikanya ko Yesu yishimiraga ubuzima. Koko rero, dushobora kumwigiraho byinshi ku birebana no kwishimira ubuzima. Ingingo ikurikira igaragaza inama Yesu yagiriye abigishwa be ku birebana n’icyabafasha kugira ibyishimo.

YESU YATWERETSE ICYO TWAKORA NGO

twishimire ubuzima

‘Mugende nk’uko uwo yagendaga.’—1 Yohana 2:6.

NK’UKO twabibonye mu ngingo yabanjirije iyi, Yesu yagize imibereho irangwa n’ibyishimo. Ku bw’ibyo, niba twifuza kugira imibereho irangwa n’ibyishimo, twagombye kumwigana kandi tukumvira inama ze.

Nk’uko umurongo w’Ibyanditswe tumaze kuvuga ubigaragaza, Yehova adusaba kwigana Yesu. Kugenda nk’uko Yesu yagendaga bisaba kubaho nka we, kandi tugakurikiza inyigisho ze mu mibereho yacu yose. Nitubigenza dutyo tuzemerwa n’Imana kandi twishimire ubuzima.

Mu byo Yesu yigishije harimo amahame yadufasha kugera ikirenge mu cye. Ayo mahame tuyasanga mu Kibwiriza cye kizwi cyane cyo ku Musuzi. Reka turebe amwe muri yo n’uko twayashyira mu bikorwa mu mibereho yacu.

IHAME: “Hahirwa abazi ko bakeneye ibintu byo mu buryo bw’umwuka.”—Matayo 5:3.

UKO IRYO HAME RYADUFASHA KUGIRA IBYISHIMO: Yesu yagaragaje ko abantu muri kamere yabo, bakenera ibintu byo mu buryo bw’umwuka. Twifuza kumenya ibisubizo by’ibibazo nk’ibi bikurikira: kuki turi ku isi? Kuki isi irimo imibabaro myinshi? Ese Imana itwitaho? Ese iyo umuntu apfuye, ubuzima burakomeza? Dukeneye kumenya ibisubizo by’ibyo bibazo kugira ngo twishimire ubuzima. Yesu yagaragaje ko ahantu hamwe rukumbi dushobora kuvana ibisubizo by’ibyo bibazo ari mu Ijambo ry’Imana. Igihe yasengaga Se, yaravuze ati “ijambo ryawe ni ukuri” (Yohana 17:17). Ese koko Ijambo ry’Imana ryadufasha kuyimenya?

URUGERO RW’ABO IRYO HAME RYAGIRIYE AKAMARO: Esa yari umwe mu baririmbyi bakomeye b’itsinda ry’abahanzi ryari rikunzwe cyane, kandi yari hafi kuba ikirangirire mu muzika wo mu bwoko bwa roke. icyakora yumvaga hari icyo abura.

Yaravuze ati “nubwo nishimiraga kuba ndi muri iryo tsinda, numvaga hari icyo mbura ngo nishimire ubuzima.” icyakora nyuma y’igihe, yaje guhura n’Abahamya ba Yehova. Yagize ati “nababajije ibibazo byinshi. Ibisubizo byumvikana kandi bishingiyeye ku Byanditswe bampaye byaranshishikaje cyane bituma nemera ko banyigisha Bibiliya.” Ibyo Esa yize muri Bibiliya byamukoze ku mutima, bituma yiyegurira Yehova. Yongeyeho ati “kera ntaratangira kwiga Bibiliya nahoranaga ibibazo, ariko ubu ubuzima bwanjye bufite intego.”*

IHAME : “Hahirwa abanyambabazi.”

—Matayo 5:7.

UKO IRYO HAME RYADUFASHA KUGIRA IBYISHIMO: Kugira imbabazi bikubiyemo kugirira abandi impuhwe, kubagirira neza no kububaha. Yesu yagiriye imbabazi abababaye. Impuhwe nyinshi yari afite zatumaga afata iya mbere ahumuriza ababaga bababaye (Matayo 14:14; 20:30-34). Iyo twiganye Yesu tukagirira abandi imbabazi bituma turushaho kugira ibyishimo, kuko kugirira abandi impuhwe biduhesha ibyishimo (Ibyakozwe 20:35). Twagaragaza ko tugirira abandi imbabazi duhurizamo abababaye, haba mu magambo cyangwa mu bikorwa. Ese koko kugira imbabazi bituma imibereho yacu irushaho kuba myiza?

URUGERO RW’ABO IRYO HAME RYAGIRIYE AKAMARO: Maria n’umugabo we Carlos batanze urugero rwiza mu birebana no kugira imbabazi. Se wa Maria ni umupfakazi kandi amaze imyaka runaka yaraheze mu buriri. Maria na Carlos bamuzanye iwabo kugira ngo babone uko bamwitaho muri byose. Incuro nyinshi bararaga amajoro badasinziriye, rimwe na rimwe bakamujiyana kwa muganga mu

* Niba wifuza gusoma inkuru yuzuye ivuga ibya Esa, urayisanga ku ipaji ya 8-9 z’iyi gazeti.



Maria na Carlos

gihe afashwe na diyabete. Biyemerera ko hari igihe baba bumva baguye agacuhu. Ariko nk’uko Yesu yabivuze, ubu barishimye kandi baranyuzwe kuko bazi ko bita kuri se wa Maria, bamukorerera ibyo akeneye byose.

IHAME: “Hahirwa abaharanira amahoro.”

—Matayo 5:9.

UKO IRYO HAME RYADUFASHA KUGIRA IBYISHIMO: Ni mu buhe buryo guharanira amahoro bituma tugira ibyishimo? Bituma tubana neza n’abandi. Byaba byiza twumviye inama yo muri Bibiliya, igira iti “niba bishoboka ku rwanyu ruhande, mu-bane amahoro n’abantu bose” (Abaroma 12:18). Muri abo ‘abantu bose’ harimo abagize umuryango n’abandi bantu tudahuje ukwizera. Ese koko iryo hame ryo kubana amahoro n’ “abantu bose” rishobora gutuma twishimira ubuzima?

URUGERO RW’ABO IRYO HAME RYAGIRIYE AKAMARO: Reka dufate urugero rw’umugore witwa Nair. Yamaze imyaka myinshi afite ibibazo byamutesheje umutwe mu muryango we, ku buryo kubana amahoro n’abandi, cyane cyane abagize umuryango we, byamugoraga cyane. Kuva umugabo we yamutana abana, ubu hakaba hashize imyaka igera kuri 15, yasigaye abarera we nyine. Umwe mu bahun-gu be yigize ikirara, yishora mu biyobyabwenge kandi ajujubyana nyina na bashiki be. Nair yavuze ko inyigisho zo muri Bibiliya ari zo zamufashije kuba umunyamahoro, no muri

Nair



iyi mimerere igoye. Yirinda intonganya n’amahane. Yihatira kugira neza, kwishyira mu mwanya w’abandi no kubumva (Abefeso 4:31, 32). Yemera adashidikanya ko kwitoza kuba umunyamahoro byamufashije kubana neza n’abagize umuryango we n’abandi bantu.

JYA UTEKEREZA KU MIBEREHO Y’IGIHE KIZAZA

Nidukurikiza inama zirangwa n’ubwenge twahawe na Yesu, tuzagira ibyishimo kandi tugire ubuzima butunyuze. icyakora kugira ngo twishimire ubuzima, tugomba no kumenya ibizabaho mu gihe kizaza. None se twagira imibereho irangwa n’ibyishimo dute, kandi tuzi ko amaherezo tuzarwara, tugasaza kandi tugapfa? Nyamara ibyo ni byo tuba twiteze muri iyi si.

Icyakora hari inkuru nziza. Yehova abikiye imigisha abantu bose biyemeza “kugenda nk’uko [Yesu] yagendaga.” Asezeranya abantu bamubera indahemuka ko vuba aha bazaba mu isi nshya iteka ryose bafite ubuzima butunganye, nk’uko yari yarabigambiriye. Ijambo rye rigira riti “dore ihema ry’Imana riri kumwe n’abantu. Izaturana na bo kandi na bo bazaba abantu bayo. Imana ubwayo izabana na bo. Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi kuboroga cyangwa gutaka cyangwa kubabara ntibizabaho ukundi. Ibya kera byavuyeho.”—Ibyahishuwe 21:3, 4.

Wa mukecuru w’imyaka 84 witwa Maria wavuze mu ngingo ya mbere y’iyi gazeti, ashimishwa n’uko azibonera iryo sezerano risohozwa. Bite se kuri wowe? Ese wifuza kumenya byinshi kurushaho ku birebana n’ “ubuzima nyakuri,” buzabaho mu gihe cy’Ubwami bw’Imana (1 Timoteyo 6:19)? Niba ari uko bimeze uzabaze Abahamya ba Yehova bo mu gace utuyemo cyangwa wandikire abanditsi b’iyi gazeti.* ■

* Igitabo Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova, cyafashije abantu benshi gusobanukirwa ingingo zitandukanye zo muri Bibiliya.



BYAVUZWE NA ESA LEINONEN

IGIHE YAVUKIYE:

1960

IGIHUGU:

FINILANDE

KERA:

NARI UMUCURANZI

W'INDIRIMBO Z'AKAHEBWE



© Kaj Ewart

“Nari umunyarugomo”

IBYAMBAYEHO: Narerewe mu mugu ukennye wa Turku uri ku nkombe z’inyanja. Kubera ko data yari umuhanga mu mukino w’iteramakofe, jye na murumuna wanjye twahise dukunda uwo mukino. Iyo nabaga ndi ku ishuri maze hakagira unyiyenzaho, akenshi nahitaga mukubita. Maze kuba ingimbi, nahise nifatanya n’agatsiko k’insoresore z’abanyarugomo, ibyo bituma ndushaho kwishora mu bikorwa by’urugomo. Naje no kujya mu itsinda ry’abacuranzi b’indirimbo z’akahebwe, ari na bwo nahigiye kuba umucuranzi w’icya-mamare w’indirimbo z’injyana ya roke.

Nashatse ingoma, maze nshinga itsinda ry’abaririmbyi. Bidatinze, naje kuba umucuranzi ukomeye w’iryo tsinda. Iyo nabaga ndi kuri podiyumu, naririmbaga meze nk’umusazi. Jye na bagenzi banjye twaramenyekanye cyane kuko twabaga tumenze nk’abasazi kandi dusa n’abanyamahane. Twatangiye gucurangira mu bitaramo birimo abantu benshi cyane. Twasohoye indirimbo nke, kandi iya nyuma yarakunzwe cyane. Mu mpera y’imyaka ya za 80, twerekeje muri Amerika kugira ngo tumenyekanishe itsinda ryacu. Twaririmbiye mu mugi ya New York na Los Angeles, tunabonana n’impuguke mu muzika mbere yo gusubira muri Finilande.

Nubwo kuba muri iryo tsinda byanshimishaga, numvaga ntishimiye ubuzima. Nababazwaga n’umwuka wo kurushanwa n’ubugome warangaga abaririmbyi. Imibereho yanjye na yo yari iteye agahinda. Kubera ko numvaga ndi umuntu mubi, natinyaga umuriro utazima. Nasomye ibitabo bitandukanye by’amadini kugira ngo mbone ibisubizo by’ibibazo bimwe na bimwe nibazaga. Nanone nasenze Imana kenshi nyisaba kumfasha, nubwo numvaga ko ntashobora kuyishimisha.

UKO BIBILIYA YAHINDUYE IMIBEREHO YANJYE: Kugira ngo mbone ikitunga nashatse akazi ku biro by’iposita by’iwacu. Umunsi umwe naje kubona ko umwe mu bakozi twakorana yari Umuhamya wa Yehova, maze mubaza ibibazo byinshi. Ibisubizo yampaga bishingiye ku Byanditswe kandi byumvikana neza, byatumye nemera ko anyigisha Bibiliya. Hashize ibyumweru bike atangiye kunyigisha, hari abantu

“Data wo mu ijuru arangwa n’imbabazi, kandi yifuza komora ibikomere by’abihana bakareka ibyaha bakoze.”

batwemereye kudufasha gusohora indirimbo kandi byashoboraga gutuma alubumu yacu isohokera muri Amerika. Numvaga ayo ari amahirwe adasanzwe nari ngize mu buzima.

Nabwiye wa Muhamya wanyigishaga ko nifuzaga kubanza gusohora indi alubumu, nkabona gukurikiza amahame yo muri Bibiliya. Yanze kumfatira umwanzuro, ahubwo ansaba gusoma amagambo Yesu yavuze muri Matayo 6:24, agira hati “nta wushobora kuba umugaragu w’abatware babiri.” Nkimara gusobanukirwa ayo magambo ya Yesu, naguye mu kantu. Nyuma y’iminsi mike, uwanyigishaga Bibiliya na we yaraturunguwe. Namubwiye ko nitandukanyije n’iryo tsinda bitewe n’uko nifuzaga gukurikira Yesu.

Nabonye ko Bibiliya ari nk’indorerwamo yanyerekaga inenge zanjye (Yakobo 1:22-25). Naje kubona ko burya nari umuntu mubi. Nari umwibone kandi ngakunda kurushanwa. Nagiraga imvugo itameshe, nkarwana, nkanywa itabi kandi nari umusinzi. Maze kubona ukuntu imibereho yanjye yari ihabanye cyane n’amahame ya Bibiliya, nagize agahinda kenshi. icyakora nari niteguye guhinduka.—Abefeso 4:22-24.

Mu mizo ya mbere, nababajwe cyane n’ibibi nari narakoze. Ariko wa Muhamya wanyigishaga Bibiliya yaramfashije cyane. Yanyeretse icyo Bibiliya ivuga muri Yesaya 1:18, hagira hati “niyo ibyaha byanyu byaba bitukura, bizererana nk’urubura.” Uwo murongo wo muri Bibiliya hamwe n’indi, yanyemeje ko Data wo mu ijuru arangwa n’imbabazi, kandi ko yifuza komora ibikomere by’abihana bakareka ibyaha bakoze.

Maze kumenya Yehova no kumukunda, niyemeje kumwiyegurira (Zaburi 40:8). Nabatijwe mu mwaka wa 1992, mu ikoraniro mpuzamahanga ry’Aba-

hamya ba Yehova ryabereye mu mugwi wa St. Petersburg mu Burusiya.

UKO BYANGIRIYE AKAMARO:Nungutse incuti nyacuti nyinshi kandi zisenga Yehova. Kuva icyo gihe twatangiyeye kujya ducuranga indirimbo ziyubashye maze tukishimira iyo mpano ituruka ku Mana (Yakobo 1:17). Impano yihariye nabonye ni umugore wanjye nkunda cyane witwa Kristina. Ni we dusangira akabisi n’agahiye kandi nkamubwira ibyanjye byose.

Ntekereza ko iyo ntaza kuba Umuhamya wa Yehova, mba narapfuye. Kera nahoranaga ibibazo bidashira, ariko ubu mfite ibyishimo kandi numva merewe neza. ■





ISHUSHO Y'ABASIRIKARE
BARIMO BARUNDA UDUHANGA
TW'ABANZI BABO BISHE

Erich Lessing/Art Resource, NY



Kuki Nineve ya kera yiswe “umugi uvusha amaraso”?

Nineve yari umurwa mukuru w'Ubwami bwa Ashuri. Wari umugi ukomeye cyane urimo ingoro n'insengero zihambaye, imihanda migari n'inkuta ndende kandi zikomeye. Umuhanuzi w'Umuheburayo witwaga Nahumu yavuze ko wari “umugi uvusha amaraso.”—Nahumu 3:1.

Ibushushanyo biharatuye ku ngoro y'umwami Senakeribu i Nineve bigaragaza ko Abashuri bari abagome cyane. Kimwe muri byo kigaragaza umuntu wica imfungwa urubozo, akayikurura ururimi kandi yayitsikamiye ku butaka. Inyandiko ziharatuye ku mabuye zerekana ukuntu batoboraga iminwa n'amazuru by'imfungwa z'intambara, bakanyuzamo umugozi wo kuzikuruzwa. Abategets b'abanyagano bambikwaga mu ijosi ibihanga by'abami babo, nk'aho ari urunigi bambaye mu ijosi.

Umuhanga mu by'amateka ya Ashuri witwa Archibald Henry Sayce, yavuze ibyerekeye ibikorwa by'agahomamunwa bakoraga iyo babaga bamaze kwigarurira umugi. Yagize ati “mu nzira habaga huzuye uduhanga tw'abantu; abahungu n'abakobwa batwikwaga ari bazima cyangwa bagakorerwa ibindi bikorwa bibi kurushaho. Abagabo baramanikwaga, bagashishimurwaho uruhu bumva, bakanogorwamo amaso, bagacibwa ibiganza, ibirenge, amazuru n'amatwi.” ■

Urukuta rwabaga rugose ibisenge by'amazu y'Abayahudi rwari rufite akahe kamaro?

Imana yahaye Abayahudi itegeko rigira riti “niwubaka inzu, uzashyireho urukuta rugufi rugose igisenge cyayo, kugira ngo umuntu atazayihanukaho akagwa, bigatuma inzu yawe igibwaho n'urubanza rw'amaraso” (Gutegeka kwa Kabiri 22:8). Urwo rukuta rwari ngombwa kuko rwari rufitiye akamaro imiryango y'Abayahudi bo mu bihe bya Bibiliya.

Amazu menshi y'Abisirayeli yabaga afite ibisenge bishashe. Kuri ibyo bisenge abantu bakundaga kuhotera akazuba, bakahafatira akayaga cyangwa se bakahakorera imirimo yo mu rugo. Mu mpeshyi, habaga ari ahantu heza ho kuryama (1 Samweli 9:26). Nanone bahanikaga ibinyampeke mbere yo kubisya cyangwa bakahanika imizabibu n'imitini.—Yosuwu 2:6.

Uretse ibyo, kuri icyo gisenge barahasengeraga, baba basenga Imana y'ukuri cyangwa ibigirwamana (Nehemiya 8:16-18; Yeremiya 19:13). Hari igihe intumwa Petero yagiye gusengera hejuru y'inzu, ari mu ma saa sita (Ibyakozwe 10:9-16). Iyo kuri icyo gisenge bahubakaga akandi kazu gasakajwe amashami y'ibiti by'imizabibu cyangwa ay'imikindo, wasangaga ari ahantu heza ho kuruhukira.

Hari igitabo cyavuze ko amazu y'Abisirayeli yabaga afite ingazi cyangwa amadarajya agana kuri icyo gisenge. Ayo madarajya yabaga ari “hanze ariko nanone ari mu rugo imbere” (*The Land and the Book*). Ni yo mpamvu nyir'urugo yashoboraga kuva kuri icyo gisenge atiriwe aca mu nzu. Ibyo byumvikanisha impamvu Yesu yatanze umuburo urebana no kuva mu mugí ugiye kurimburwa, agira ati “umuntu uzaba ari hejuru y'inzu nta-zamanuke ngo ajye gukura ibintu mu nzu ye.”—Matayo 24:17. ■

“Mukomeze gusaba muzahabwa”

Umwe mu bigishwa ba Yesu yaramubwiye ati “Mwami, twigishe gusenga” (Luka 11:1). Yesu yamushubijye amucira imigani ibiri itwigisha uko twasenga Imana n’icyo twakora kugira ngo itwumve. Ese waba waribajije niba Imana yumva amasengesho yawe? Niba warabyibajije, amagambo Yesu yabwiye uwo mwigishwa ashobora kugushishikaza.—**Soma muri Luka 11:5-13.**

Umugani wa mbere wibanda ku muntu usenga (Luka 11:5-8). Uwo mugani uvugwamo umuntu wabonye umushyitsi mu gicuku kandi adafite ibyo amwakiriza. Yumvaga ko kwakira uwo mushyitsi byihutirwa. Ibyo byatumye aya kureba incuti ye kugira ngo ayisabe imigati yo kumwakiriza, nubwo bwari bwije. Mu mizo ya mbere, uwo mugabo wari incuti ye yabanje kwanga kubyuka, kubera ko abagize umuryango we bari basinziriye. Ariko uwo muntu yakomeje gutitiriza, bituma iyo ncuti ye ibyuka imuha ibyokurya.*

Ni iki uwo mugani utwigisha ku birebana n’isengesho? Yesu yashakaga kutwigisha ko tugomba gutitiriza, tugakomeza gusaba, gushaka no gukomanga (Luka 11:9, 10). Kubera iki? Ese Yesu yashakaga kuvuga ko Imana itinda kumva amasengesho ku buryo bidusaba gukomeza gukomanga ubudatuzi? Oya. Ahubwo yashakaga kuvuga ko mu buryo butandukanye n’incuti ibanza kwanga gukingura, Imana yo yiteguye gusubiza amasengesho y’abantu bayisenga bafite ukwizera. Tugaragaza ko dufite uko kwizera, iyo dukomeje gusenga Imana tuyitiriza. Iyo tubigenje dutyo, tuba tugaragaza ko ibyo tuyisaba tubikeneye koko, kandi ko twizeye neza ko ishobora kubiduha, mu gihe bihuje n’ibyo ishaka.—Mariko 11:24; 1 Yohana 5:14.

* Ibiyugwa muri uwo mugani wa Yesu, ni ibintu byari bisanzwe mu muco no mu migenzo y’icyo gihe. Abayahudi babonaga ko kwakira abashyitsi ari iby’ingenzi cyane. Kubera ko umuryango wako-raga imigati ihagije yo kurya buri muni, iyo yabaga ishize, kujya gusaba mugenzi wawe byabaga ari ibisanzwe. Nanone iyo babaga ari abakene, abagize umuryango bese bararaga hasi mu cyumba kimwe.

Umugani wa kabiri wibanda kuri Yehova we “wumva amasengesho” (Zaburi 65:2). Yesu yarabajije ati “mu by’ukuri se, ni nde mubyeyi muri mwe umwana we yasaba ifi, maze akamuha inzoka aho kumuha ifi? Cyangwa se nanone yamusaba igi akamuha sikorupiyoyi?” Igisubizo kirumvikana. Nta mubyeyi wita ku bana be wabaha ikintu kibi. Hanyuma Yesu yabonye uwo mugani agira ati “none se niba muzi guha abana banyu impano nziza kandi muri bari, So wo mu ijuru we ntazarushaho” guha abana be bo ku

Imana yiteguye gusubiza amasengesho y’abantu basenga bafite ukwizera

isi impano nziza kurusha izindi y’ “umwuka wera”?* —Luka 11:11-13; Matayo 7:11.

Ni iki urwo rugero rutwigisha ku birebana na Yehova we “wumva amasengesho”? Yesu yadusabye ko dukwiriye kubona ko Yehova ari umubyeyi wita ku bana be, uhora yiteguye kubaha ibyo bakeneye. Ku bw’ibyo, abasenga Yehova bashobora kumwegera nta cyo bi-shisha, bakamubwira ibibari ku mutima. Kubera ko azi neza ibyababera byiza, baba biteguye kwemera ibisubizo abaha, nubwo byaba bidahuje n’ibyo bari biteze.[#] ■

* Ahanini Yesu yakoresheye iyo mvugo ashaka kugaragaza ko Imana ifite imico myiza kurusha abantu.

[#] Niba wifuzaga kumenya icyo wakora kugira ngo Imana yumve amasengesho yawe, reba igice cya 17, mu gitabo *Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?*, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova.

IMIRONGO YO MURI BIBILIYA WASOMA
MURI MATA: Luka 7-21

“Yagendanaga n’Imana y’ukuri”

NOWA arahagurutse agorora umugongo maze arinana. Ngaho sa n’umureba yicaye ku ngiga nini y’igiti, agira ngo aruhuke ho gato ari na ko yitegereza iyo nkuge nini cyane. Godoro igishyushye irimo irazamura impumuro itari nziza mu kirere, ari na ko humvikana urusaku rw’ibikoresho bitandukanye by’ububaji. Aho yicaye, arimo aritegereza ukuntu akazi kashyushye, abahungu be bakora ku bice bitandukanye by’iyo nyubako nini yubakishwaga imbaho. We n’umugore we akunda cyane, abahungu be n’abagore babo bamaze imyaka ibarirwa muri za mirongo batangiye uwo mushinga. Nubwo iyo nkuge bari bayigeze kure, hari hakiri byinshi bagombaga gukora!

Abantu bari batuye muri ako gace batekerezagako Nowa n’umuryango we bari basaze. Uko iyo nkuge yagendaga ifata ishusho, ni ko abo baturanyi babo bagendaga barushaho kubannyega, bumva ko umwuzure wari gukwira ku isi utari kuzabaho. Nowa yakomeje kubaburira ababwira iby’ako kaga kari kugarije isi, ariko bakumva ko bitazabaho kandi ko bitanashoboka. Ntibiyumvishaga ukuntu umuntu w’umugabo yata igihe cye, akanagitesha abagize umuryango we bakora umushinga nk’uwo urangwa n’ubupfapfa. Ariko Yehova, Imana Nowa yasengaga, yo si uko yamubonaga.

Ijambo ry’Imana rigira riti “Nowa yagendanaga n’Imana y’ukuri” (Intangiriro 6:9). Ibyo bisobanura iki? Ntibisobanura ko Imana yaje ku isi cyangwa ngo Nowa abe yaragiye mu ijuru. Ahubwo byumvikaniye ko Nowa yumviraga Imana ye cyane kandi akayikunda, ku buryo wagira ngo we na Yehova bari incuti zihora ziri kumwe. Imyaka myinshi nyuma yaho, Bibiliya yavuze ibya Nowa igira iti “binyuze kuri uko kwizera [kwe], yaciriyeho iteka isi” (Abaheburayo

11:7). Ibyo yabikoze ate? Muri iki gihe ni irihe somo twavana ku kwizera kwe?

YARI INDAKEMWA MU ISI YONONEKAYE

Nowa yakuriye mu bantu babi, kandi bagendaga barushaho kuba babi. Mu gihe cya sekuruza Enoki, na we akaba yari umuntu ukiranuka kandi wageendanaga n’Imana, abantu bari babi. Enoki yari yarahanuye ko umunsi w’urubanza wari hafi kuzagera ku bantu bari batuye isi muri icyo gihe. Mu gihe cya Nowa, abantu bari barataye umuco mu buryo bukabije. Koko rero, Yehova yabonaga ko icyo gihe isi yari yarononekaye, bitewe n’uko yari yuzuye urugomo (Intangiriro 5:22; 6:11; Yuda 14, 15). Ibyo byatezwaga n’iki?

Abana b’Imana ari bo bamarayika, badutsweho n’ingeso mbi. Umwe muri bo yari yaramaze kwigomeka kuri Yehova, ahinduka Satani Umwanzi kuko yaharabitse Imana kandi akagusha Adamu na Eva mu cyaha. Mu gihe cya Nowa, hari abandi bamarayika bigometse ku butegetsi bukiranuka bwa Yehova. Bavuye mu ijuru aho Imana yari yarabageneye gutura, baza ku isi maze batoranya abakobwa beza barabarongora. Abo bamarayika b’abibone n’abanyamurumba bigometse, bagize ingaruka mbi ku bantu. —Intangiriro 3:1-5; 6:1, 2; Yuda 6, 7.

Nanone, kuba abamarayika barakoze amahano bakaryamana n’abagore b’abantu, byatumye havuka abana b’ibyimanyi banini cyane kandi bafite imbaraga zidasanzwe. Abo bantu Bibiliya ibita Abanefili, bisobanura ngo “abagusha abandi,” ni ukuvuga abaturabandi hasi. Abo Banefili bari abagome bikabije, ku buryo byatumye urugomo rwiyongera cyane, kandi abantu bakarushaho kwigomeka ku Mana. Ntibitangaje rero kuba Umuremyi yarabonye ko “ububi

bw'abantu bwari bwogeye mu isi, kandi ko igihe cyose ibitekerezo byo mu mitima yabo byabaga bibogamiye ku bibi gusa." Ibyo byatumye avuga ko nyuma y'imyaka 120, yari kuzarimbura abantu bose bariho icyo gihe.—Intangiriro 6:3-5.

Tekereza nawe gutungira umuryango mu isi imeze ityo! Ariko kandi, Nowa yarabishoye. Yashatse umugore mwiza. Nowa amaze kugira imyaka 500, baje kubyarana abana b'abahungu batatu ari bo Shemu, Hamu na Yafeti.* Abo babyeyi bombi bari bafite inshingano yo kurinda abana babo kugira ngo badatora ingeso mbi z'abari babakikije. Ubusanzwe abana b'abahungu bakunda gutangirira abantu b' "abanyambaraga" n' "ibirangirire," kandi Abanefili ni uko bari bameze. Nubwo Nowa n'umugore we batashoboraga kurinda abana babo inkuru zavugaga ibigwi by'abo bantu b'ibihanyaswa, bashoboraga kubigisha ukuri gushimishije ku birebana na Yehova Imana, we wanga ibibi byose. Bagombaga gufasha abana babo kumenya ko Yehova yababazwaga n'urugomo no kwigomeka kw'abantu b'icyo gihe.—Intangiriro 6:6.

Ababyeyi bo muri iki gihe bashobora kwiyumvisha neza ingorane Nowa n'umugore we bari bahanganye na zo. Muri iki gihe, urugomo no kwigomeka birogeye. Imyidagaduro igenewe abana na yo yuzuyemo ibikorwa bibi nk'ibyo. Ababyeyi b'abanyabwenge bakora uko bashoboye kose kugira ngo barinde abana babo ingaruka z'ibyo bikorwa, babigisha ibirebana na Yehova Imana y'amahoro, izakuraho urugomo burundu (Zaburi 11:5; 37:10, 11). Ababyeyi bashobora kugira icyo bageraho nubwo abana babo baba ba-

* Abantu b'icyo gihe bararamaga cyane kurusha abo muri iki gihe. Ibyo byaterwaga n'uko bari begereye ubutungane kandi bagifite amagara mazima, ibyo akaba ari ibintu Adamu na Eva bari baratakaje.

kikijwe n'abantu babi. Nowa n'umugore we na bo babigezeho. Abana babo barakuze bavamo abagabo beza, kandi bashaka abagore bari bafite icyifuzo nk'icyabo, cyo gushyira mu mwanya wa mbere ibyo Yehova Imana y'ukuri ashaka.

“WIBARIZE INKUGE”

Igihe kimwe, imibereho ya Nowa yarahindutse burundu. Yehova yamenyesheje uwo mugaragu we yakundaga umugambi we wo kurimbura isi y'icyo gihe. Imana yategetse Nowa iti “wibarize inkuge mu mba ho z'igiti cyitwa goferu.”—Intangiriro 6:14.

Iyo nkuge ntiyari ubwato nk'uko bamwe babitekereza. Ntiyagiraga umutwe w'imbere n'uw'inyuma, igice cy'ubwato cy'indiba, ingashya cyangwa ngo ibe yihese cyangwa yigondoye nk'uko ubwato buba bumeze. Urebye yari imeze nk'igisanduku kinini. Yehova yahaye Nowa ibipimo iyo nkuge yari kuzaba ifite, amusobanurira uko yari kuzaba iteye, amubwira n'uko yari kuzayihomesha godoro imbere n'inyuma. Yaje kubwira Nowa ati “ngiye guteza isi umwuzure w'amazi. . . . Ikintu cyose kiri ku isi kizapfa.” Ariko Yehova yamuhaye amabwiriza agira ati “uzinjire mu nkuge wowe n'abahungu bawe, n'umugore wawe n'abakazana bawe.” Nanone Nowa yagombaga kwinjizamo inyamaswa zihagarariye buri bwoko. Ibyari kuba biri mu nkuge ni byo byonyine byari kurokoka Umwuzure.—Intangiriro 6:17-20.

Umurimo Nowa yagombaga gukora ntiwari woroshye. Inkuge yagombaga kuba ari nini cyane, ifite metero 133 z'uburebure, metero 22 z'ubugari na metero 13 z'ubuhagarike. Yarutaga kure ubwato bw'ibiti bunini kuruta ubundi bwose bwabayeho kugeza ubu. Ese Nowa yaba yarashakishije uko yahungaga iyo nshingano, wenda yinubira ko igoye cyane, cyangwa



Nowa n'umugore we bagombaga kurinda abana babo kugira ngo batadukwaho n'ingeso mbi

agerageza guhindura amabwiriza yahawe ngo yiyo-rohereze akazi? Bibiliya isubiza icyo kibazo igira iti “nuko Nowa abigenza atyo, akora ibihuje n’ibyo Imana yari yamutegetse byose.”—Intangiriro 6:22.

Kubaka iyo nkuge byatwaye imyaka ibarirwa muri za mironko, wenda iri hagati ya 40 na 50. Bagombaga gutsinda ibiti, bakabyikorera, bakabisaturamo imbaho, bakazibaza maze bakaziteranya. Yagombaga kuba ifite amagorofa atatu, ibyumba n’umuryango mu rubavu. Birumvikana ko yari ifite n’amadirishya ahagana hejuru, ikagira n’igisenge cya mugongo wa tembo kugira ngo amazi y’imvura ashobore kumeneka.—Intangiriro 6:14-16.

Uko imyaka yagendaga ihita indi igataha, ari na ko iyo nkuge igenda ifata ishusho, Nowa agomba kuba yarashimishwaga n’ukuntu umuryango we wamushyigikiraga. icyakora, hari undi murimo bagombaga gukora, ukaba ushobora kuba wari ugoye kurusha kubaka iyo nkuge. Bibiliya ivuga ko Nowa yari “umubwiriza wo gukiranuka” (2 Petero 2:5). Ni yo mpamvu yagize ubutwari agafata iya mbere mu kuburira abantu b’icyo gihe bari bari kandi batubahaga Imana, ababwira ko isi yari hafi kurimburwa. Babyakiriye bate? Nyuma yaho, Yesu Kristo yagaragaje uko byari byifashe icyo gihe, avuga ko ‘batabyitayeho.’ Yavuze ko bari bahugiyeye mu mirimo yabo ya buri muni, barya, banywa kandi bashyinginganwaga, ku buryo batitaye ku miburo Nowa yabahaga (Matayo 24:37-39). Nta gushidikanya ko abenshi bakwenaga Nowa n’abari bagize umuryango we. Birashoboka ko hari n’abamushyiragaho iterabwoba kandi bakamurwanyaga bikomeye.

Ariko kandi, Nowa n’umuryango we ntibigeze bacika intege. Bakomeje gusohozwa mu budahemuka inshingano bahawe, nubwo abantu b’icyo gihe bashyiraga inyungu zabo imbere, bakumva ko Nowa n’umuryango we bataye umutwe, ko ari abapfapfa kandi ko kubaka inkuge nta cyo byari bimaze. Abagize imiryango ya gikristo muri iki gihe bashobora kuvana isomo rikomeye kuri Nowa n’umuryango we. Koko rero, Bibiliya ivuga ko turi mu “minsi y’imperuka” y’iyi si (2 Timoteyo 3:1). Yesu yavuze ko igihe turimo cyari kuzaba kimeze nk’igihe Nowa yubatsemo inkuge. Kubera ko turi Abakristo, mu gihe abantu banze kwakira ubutumwa bw’Ubwami bw’Imana tubabwirira, bakaduha urw’amenyo cyangwa bakadutotetza, byaba byiza twibutse uko byagendekeye Nowa. Si twe ba mbere twaba duhuye n’izo ngorane.



“MWIJIRE MU NKUGE”

Nyuma y’imyaka ibarirwa muri za mironko, inkuge yaruzuye. Igihe Nowa yendaga kugira imyaka 600 yari yaragiye apfusha abantu. Yapfushije se Lameki.* Nyuma y’imyaka itanu, yapfushije sekuru Metusela wari ufite imyaka 969, akaba ari we muntu waramye kurusha abandi bantu bose bavugwa muri Bibiliya (Intangiriro 5:27). Metusela na Lameki babayeho mu gihe kimwe n’umuntu wa mbere ari we Adamu.

Muri uwo mwaka, Nowa yabonye ubundi butumwa bwari buturutse kuri Yehova, bugira buti “genda wowe n’abo mu rugo rwawe bose mwijire mu nkuge.” Nanone Imana yabwiye Nowa ko yagombaga kwinjira mu nkuge inyamaswa z’amoko atandukanye, ku zidahumanye akinjira indwi zo gutamba ibitambo, n’ebiyiri ebyiri ku zindi zisigaye.—Intangiriro 7:1-3.

Ibyo bigomba kuba byari bishishikaje cyane. Sa n’ureba izo nyamaswa zibarirwa mu magana, zituruka hirya no hino, zimwe zigendesha amaguru, izindi ziguruka, izindi zikurura inda naho izindi zikinagira. Zari zitandukanye mu miterere, ubunini n’amahane. Ngaho sa n’ureba Nowa agerageza kuzitira inyamaswa zose, azikabukira cyangwa akazagaza kugira ngo azinjire muri iyo nkuge yari ifunganye. Iyo nkuru igira iti ‘ziringira zisanga Nowa mu nkuge.’—Intangiriro 7:9.

* Lameki yise umuhungu we Nowa bishobora kuba bisobanurwa ngo “ikiruhuko cyangwa ihumure.” Yari yarahanuriye Nowa ko yari kuzabaho mu buryo buhuje n’iryo zina, agatuma abantu baruhuka imiruhu batewe n’ubutaka bwavumwe (Intangiriro 5: 28, 29). icyakora, ubwo buhanuzi bwashoye Lameki atakiriho.



Nubwo byagaragara ko Imana yari kumwe na Nowa, abantu baramukobye kandi ntibita ku butumwa bwe

Bamwe mu bakunda kujora bashobora kuvuga bati “ubwo se ibyo byari gushoboka bite? Izo nyamaswa zose zari kubana zite mu mahoro, zibyiganira ahanu hato nk’aho?” Ariko zirikana ibi: ese Umuremyi w’isanzure ry’ikirere yananirwa gutegeka inyamaswa ziri mu byo yaremye, ndetse zimwe akaba yanatuma zituza ntizigire amahane mu gihe bibaye ngombwa? Wibuke ko Yehova ari we Mana yagabanyijemo kabiri amazi y’Inyanja Itukura kandi agahagarika izuba. None se ubwo yari kunanirwa gukora ibyo byose byavuzwe mu nkuru ya Nowa? Birumvikana ko afite ubushobozi bwo kubikora, kandi koko yarabikoze.

Ni iby’ukuri ko Imana yashoboraga no gukiza izo nyamaswa ikoresheje ubundi buryo. icyakora, yahisemo uburyo bwari kutwibutsa ko yahaye umuntu inshingano yo kwita ku byaremwe byose bifite ubuzima biri ku isi (Intangiriro 1:28). Ku bw’ibyo, ababyeyi benshi bo muri iki gihe bifashisha iyo nkuru ya Nowa, bakigisha abana babo ko Yehova aha agaciro abantu n’inyamaswa yaremye.

Yehova yabwiye Nowa ko Umwuzure wari kuza mu cyumweru kimwe. icyo gihe uwo muryango ushobora kuba wari uhuze cyane. Ngaho tekereza ako kazi ko kwinjiza inyamaswa zose mu nkuge, kwinjiza ibyokurya byazo no kubipanga neza, ndetse no gushyira mu nkuge bimwe mu byo umuryango wari utunze. Umugore wa Nowa, uwa Shemu, uwa Hamu n’uwa Yafeti bashobora kuba bari bahangayikishijwe no gukora ibyari bikenewe byose kugira ngo iyo nkuge imere nk’inzu yo kubamo.

None se twavugaga iki ku bari bamukikije? ‘Ntibabyitayeho’ nubwo biboneraga ibimenyetso bigara-

gaza ko Yehova yahaga imigisha Nowa n’umuryango we. icyo babonaga gusa ni inyamaswa zinjiraga mu nkuge. Ariko nitwari dukwiriye gutangazwa no kuba batarabyitayeho. Abantu bo muri iki gihe ntibita ku bimenyetso bifatika bigaragaza ko turi mu minsi ya nyuma y’iyi si. Intumwa Petero yari yaravuze ko hari kuzabaho abakobanyi bakoba abari kuzaba bumvira imiburo ituruka ku Mana (2 Petero 3:3-6). Uko ni na ko abantu bo mu gihe cya Nowa bakobaga Nowa n’umuryango we.

Bamukobye kugeza ryari? Inkuru yo muri Bibiliya ivuga ko igihe Nowa yari amaze kwinjiza umuryango we n’inyamaswa mu nkuge, “Yehova yakinze urugi.” Niba bamwe muri ba bakobanyi bari hafi aho, nta gushidikanya ko icyo gikorwa Imana yakozwe cyabacecekesheje. Niba kitarabemeje, bari kwemezwa n’imvura yaje kugwa, igakomeza kugwa kugeza igihe amazi yarengeye isi, nk’uko Yehova yari yarabivuze.—Intangiriro 7:16-21.

Ese Yehova yari yishimiye ko abo bantu babi bapfa? Oya rwose (Ezekiyeli 33:11)! Ahubwo yabahaye uburyo bwose bwo kureka inzira zabo mbi bagakora ibikwiriye. Ese byari kubashobokera? Imibereho ya Nowa isubiza icyo kibazo. Kuba yaragendanaga na Yehova, akumvira Imana ye muri byose, byagaragaje ko kurokoka byashobokaga. Ku bw’ibyo, ukwizera kwe kwaciriyeho iteka isi y’icyo gihe, kugaragaza neza ko abo mu gihe cye bari abantu babi. Uko kwizera ni ko kwatumye arokokana n’abari bagize umuryango we. Nitwigana ukwizera kwa Nowa, natwe tuzarokokana n’abacu. Kimwe na Nowa, nawe ushobora kugendana na Yehova Imana akakubera incuti iteka ryose.

Ese dushobora gusobanukirwa Bibiliya?

Bibiliya ni Ijambo ry’Imana. Ni nk’ibaruwa umubye-yi wuje urukundo yandikira abana be (2 Timoteyo 3:16). Muri Bibiliya, Imana isobanura icyo twakora ngo tuyishimise, impamvu ireka ibibi bikabaho n’icyo izakorera abantu mu gihe kiri imbere. Ariko abanyamadini bagoretse inyigisho za Bibiliya, bituma abantu benshi bumva ko batazigera bayisobanukirwa.—Ibyakozwe 20:29, 30.

Yehova Imana yifuza ko tumumenya by’ukuri. Ni yo mpamvu yatwandikiye igitabo dushobora gusobanukirwa.—**Soma muri 1 Timoteyo 2:3, 4.**

Ni iki cyagufasha gusobanukirwa Bibiliya?

Uretse kuba Yehova yaraduhaye Bibiliya, anadufasha kuyisobanukirwa. Yatwoherereje Yesu kugira ngo atwigishe (Luka 4:16-21). Yesu yafashaga ababaga bamuteze amatwi gusobanukirwa Ibyanditswe, akabasobanurira umurongo ku wundi.—**Soma muri Luka 24:27, 32, 45.**

Yesu yashinze itorero rya gikristo kugira ngo rikomeze uwo murimo yatangije (Matayo 28:19, 20). Muri iki gihe, abigishwa nyakuri ba Yesu bafasha abantu gusobanukirwa icyo Bibiliya yigisha ku byerekeye Imana. Niba wifuza gusobanukirwa Bibiliya, Abahamya ba Yehova bashobora kubigufashamo.—**Soma mu Byakozwe 8:30, 31.**

Niba wifuza ibindi bisobanuro, reba igice cya 2 muri iki gitabo cyanditswe n’Abahamya ba Yehova



IBINDI BISUBIZO BY’IBIBAZO BISHINGIYE
KURI BIBILIYA WABISANGA KURI INTERINETI

